



FEMA

October 7, 2020
DR-4557-IA NR016
HSEMD: HSEMDpio@iowa.gov
FEMA News Desk: (816)
283-7095

Itangazo

FEMA Disaster Recovery Center muri Davenport irafunguye kugeza ku italiki ya 16 z'ukwezi ku icumi.

DES MOINES, Iowa - FEMA Disaster Recovery Center (DRC) muri Davenport yongereyeho iminsi mike yo gukomeza kuba ifunguye ukurikije uko yari yabimenyeheshe mbere. Izafunga burundu kuwa gatanu, taliki ya 16 z'ukwezi ku icumi saa kumi n'ebiri za ni mugoroba.

DRC iri kuri Annie Wittenmyer Family Aquatic Center ibarizwa aha hakurikira:

**2828 Eastern Ave.
Davenport, IA 52803
(Mu nguni ya East 29th St. na Eastern Ave.)**

Amasaha ni kuwa mbere kugeza kuwa gatandatu, kuwa saa tatu za mu gitondo kugeza saha cumi n'ebiri z'umugoroba Central Time. Ku cyumweru irafunze.

DRC DRC ntizagenda ku mikorere yahozeho mbere. Ikigo kizajya gifashiriza abantu mu modoka bajemo. Abarokotse bagomba kuguma mu modoka.

Singombwa ko abasaba inkunga baza ku kigo gurirango bageze impapuro kuri FEMA-bashobora kuzohereza mw'iposita, kohereza fagisi cyangwa kuzohereza bakoresheje interinete kuli [DisasterAssistance.gov](https://www.fema.gov/disaster-assistance). Ibisobanuro by'iyi mikorere yose biri mu ibaruwa yabo ya FEMA.

Abarokotse barangije kwiwandikisha muri FEMA bakaba barasabwe gutanga izindi nyandiko basabwe gusoma ibaruwa yabo ya FEMA neza kugirango babe bafite ibyo basabwa byose iyo bageze kuri DRC.

Niba utumva neza ibaruwa wabonye ivuye muri FEMA, hamagara **800-621-3362** (TTY: **800-462-7585**) hagati ya saa kumi n'ebiyili za mugitondo na saa yine za nimugoroba Central Time, usabe babigufashemo.

Abuzuzwa ibipapuro bose hamwe n'abakozi ba FEMA bazakurikiza amabwiriza ya leta n' aho ikorerera mu kubahiriza amabwiriza yo kwirinda COVID-19. Abifashisha bagomba kwambara agapfuka munywa kandi bakaguma mu modoka zabo batanga impapuro k'umukozi wa FEMA, nawe uzaba yambaye agapfuka munywa (cyangwa ibindi bitwikiriye). Abakozi ba FEMA bazafata inzandiko bazisikane maze bazisubize nyirazo.

Abasaba ubufasha bashobora kwiwandikisha mu buryo bukurikira:

- Jya kuli [DisasterAssistance.gov](https://www.DisasterAssistance.gov).
- Ku bafite smartphones mukoreshe [FEMA Mobile App](#)
- Hamagara **800-621-3362** (TTY: **800-462-7585**) hagati ya saa cumi n'ebiyili za mu gitondo na saa yine z'ijoro Central Time, iminsi irindwi mu cyumweru. Hari abavugaga indimi zinyuranye

Niba hari udashoboye kwiwandikisha kuri interinete cyangwa guhamagara kuri telephone, ashobora kwiwandikisha kuri kiriya kigo cya DRC.

Impapuro zishobora nanone kwoherezwa mu buryo bukurikira:

- Ohereza ibaruwa mw' iposita: FEMA's Individuals and Households Program, National Processing Service Center, P.O. Box 10055, Hyattsville MD 20782-7055.
- Ohereza fagisi kuli 800-827-8112.
- Cyangwa ohereza ukoresheje conte ya FEMA kuri interinete. Gufungura conte, jya kuri [DisasterAssistance.gov](https://www.DisasterAssistance.gov), ukande "Check Status" hanyuma ukurize ibyo bakubwiye.

The U.S. Small Business Administration (SBA) itanga inguzanyo ya governema iifite inyungu ntoya ku bafite ibikorwa uko byaba bingana kose, ku bikorerera ku giti cyabo, abafite inzu cyangwa abakodesha.

Ohereza impapuro kuri <https://disasterloanassistance.sba.gov>. Abantu bashobora no guhamagara 800-659-2955 cyangwa ohereza imeri kuri FOCWAssistance@sba.gov. Abapfuye amatwi cyangwa batumva neza bakoreshe TTY bashobobara guhamagara 800-877-8339.

###

Ibindi bisobanuro bijyanye n'ibiza bya Iowa nandi mukuru atandukanye, injira hano www.disasterrecovery.iowa.gov.

Inshingano ya FEMA ni ugufasha abantu mbere, mugihe, na nyuma yibiza.

Inshingano ya HSEMD: Kuyobora, guhuza no gushyigikira ibikorwa by'umutekano mu gihugu ndetse n'ibikorwa byo gutabara byihutirwa hagamijwe ibyiza bya rusange no guteza imbere ubukungu bwa Iowa n'abayituye.

Imfashanyo irahari utitaye ku bwoko, ibara, idini, ubwenegihugu, igitsina, imyaka, ubumuga, kumenya icyongereza cyangwa ututunzi. Niba wowe cyangwa umuntu uzi ko yarenganijwe, cyangwa akeneye akeneye ubufasha aho ari, hamagara FEMA kuri 800-621-3362. Indimi zitandukanye zirahari.

The U.S. Small Business Administration (SBA) ni ishami lya governima litanga amahera yo kwongera gushyira hamwe ibintu byawe byangijwe n'ibiza. SBA ifasha abafite ibikorwa bini cyangwa bitoya, abikorera ku giti cyabo, abafite inzu cyangwa bakodesha, n'abasana kugirango basimbure ibyangiritse.

Ukeneye ibisobanuro birambuye wajya kuri SBA's Disaster Assistance Customer Service 800-659-2955. TTY 800-877-8339. Ushobora no kwohereza imeri kuri disastercustomerservice@sba.gov cyangwa ukajya kuri SBA at SBA.gov/disaster